**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N° 45/2013 RYO KUWA 16/06/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'IMIRIMO Y'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko**

**UMUTWE WA II: AMAHAME REMEZO MU IBARURISHAMIBARE**

**Ingingo ya 4: Akamaro k'ibiva mu ibarurishamibare**

**Ingingo ya 5: Agaciro k'ibiva mu ibarurishamibare**

**Ingingo ya 6: Ibiranga ibiva mu ibarurishamibare**

**Ingingo ya 7: Itangazwa ry'ibyavuye mu ibarurishamibare**

**UMUTWE WA III:UBUHUZABIKORWA N'IMITERERE Y'URUSOBE RW'IBARURISHAMIBARE RW'IGIHUGU**

**LAW N° 45/2013 OF 16/06/2013 ON THE ORGANISATION OF STATISTICAL ACTIVITIES IN RWANDA**

**TABLE OF CONTENTS**

**HAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article one: Purpose of this Law**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 3 : Scope of application**

**CHAPTER II: STATISTICAL FUNDAMETATAL PRINCIPLES**

**Article 4:Statistical data interest**

**Article 5: Quality of statistical data**

**Article 6:Characteristics of statistical data**

**Article 7: Publication of statistical data**

**CHAPTER III: COORDINATION AND STRUCTURE OF THE NATIONAL STATISTICAL SYSTEM**

**LOI N° 45/2013 DU 16/06/2013 PORTANT ORGANISATION DES ACTIVITES STATISTIQUES AU RWANDA**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2 : Définitions des termes**

**Article 3 : Champ d'application**

**CHAPITRE II : PRINCIPES STATISTIQUES FONDAMENTAUX**

**Article 4: Intérêt des données statistiques**

**Article 5: Qualité des données statistiques**

**Article 6: Caractéristiques des données statistiques**

**Article 7 : Publication des données statistiques**

**CHAPITRE III: COORDINATION ET STRUCTURE DU SYSTEME STATISTIQUE NATIONAL**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Ubuhuzabikorwa bw'urusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu** | **Article 8: Coordination of national statistical system** | **Article 8: Coordination du système statistique national** |
| **Ingingo ya 10: Uburyo imirimo y'ibarurishamibare ishobora gukorwa n'izindi nzego** | **Article 10: Modalities of conducting statistical activities by other institutions** | **Article 10: Modalités de conduite des activités statistiques par d'autres institutions** |
| **Ingingo ya 11: Kwemererwa gukora imirimo y'ibarurishamibare** | **Article 11: Approval for conducting statistical activities** | **Article 11: Approbation de la conduite des activités statistiques** |
| **UMUTWE WA IV: GAHUNDA Y'IBARURISHAMIBARE Y'IGIHUGU** | **CHAPTER IV: NATIONAL STATISTICAL PROGRAM** | **CHAPITRE IV : PROGRAMME NATIONAL DE STATISTIQUE** |
| **Ingingo ya 12: Ibarura Rusange ry'Igihugu** | **Article 12: National General Census** | **Article 12: Recensement Général National** |
| **Ingingo ya 13: Andi mabarura** | **Article 13: Other types of surveys** | **Article 13: Autres types d'enquêtes** |
| **UMUTWE WA V: INSHINGANO YA BURI WESE YO GUSUBIZA IBIBAZO BY'AMABARURA Y'IBARURISHAMIBARE** | **CHAPTER V: OBLIGATION TO RESPOND TO QUESTIONS DURING CENSUSES AND STATISTICAL SURVEYS** | **CHAPITRE V: OBLIGATION DE REPONDRE AUX QUESTIONS LORS DES RECENSEMENTS ET ENQUETES STATISTIQUES** |
| **Ingingo ya 14: Isubiza ry' ibibazo by'ibarura** | **Article 14: Response to survey and census questions** | **Article 14: Réponse aux questions d'enquête et de recensement** |
| **Ingingo ya 15: Kutitwaza ihame ry'ibanga ry'akazi** | **Article 15: No allegation of the principle of professional secrecy** | **Article 15: Non allégation du principe du secret professionnel** |
| **Ingingo ya 16: Gutanga imibare y'ibanze ngenderwaho n'amakuru** | **Article 16: Providing basic databases and information** | **Article 16: Transmission de base de données et informations** |
| **UMUTWE WA VI: IBANGA RY'IBARURISHAMIBARE** | **CHAPTER VI: STATISTICAL CONFIDENTIALITY** | **CHAPITRE VI : SECRET STATISTIQUE** |
| **Ingingo ya 17: Itangazwa ry'amakuru ribujijwe** | **Article 17:Prohibited dissemination of** | **Article 17 : Divulgation non permise** |

| | | |
|---|---|---|
| | **information** | **d'informations** |
| **Ingingo ya 18: Ikora n'itangazwa by'urutonde rw'ibigo by'imirimo** | **Article 18: Making and publication of list of enterprises or establishments** | **Article 18: Constitution et publication du répertoire des entreprises ou établissements** |
| **Ingingo ya 19:Uburyo bwo kugera ku mibare y'ibanze ngenderwaho itagomba gutangazwa** | **Article 19: Accessibility to anonymous basic databases** | **Article 19: Accès aux bases de données à ne pas publier** |
| **Ingingo ya 20: Ikoreshwa ry'amakuru ribujijwe** | **Article 20:Prohibited use of data** | **Article 20:Utilisation non permise des données** |
| **Ingingo ya 21: Ibanga ry'amakuru yaturutse mu nzego z'ubutegetsi** | **Article 21: Confidentiality of data obtained from administrative services** | **Article 21: Confidentialité des données obtenues des services administratifs** |
| **Ingingo ya 22: Irahira ry'abakozi** | **Article 22:Taking oath of members of staff** | **Article 22: Prestation de serment des agents** |
| **UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FIFINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 23: Ibikorwa byakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 23: Activities performed prior to the commencement of this Law** | **Article 23: Actes antérieurs à l'entrée en vigueur de la présente loi** |
| **Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **Article 24:Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 24 : Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 25: Repealing provision** | **Article 25 : Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 26: Commencement** | **Article 26: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N° 45/2013 RYO KU WA 16/06/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'IMIRIMO Y'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika**;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 24 Gicurasi 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108, iya 201 n'iya 202;

**YEMEJE:**

**LAW N° 45/2013 OF 16/06/2013 ON THE ORGANISATION OF STATISTICAL ACTIVITIES IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 24 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 201 and 202;

**ADOPTS:**

**LOI N° 45/2013 DU 16/06/2013 PORTANT ORGANISATION DES ACTIVITES STATISTIQUES AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 24 mai 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 201 et 202 ;

**ADOPTE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'ibarurishamibare mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuye kuri ubu buryo:

1° **Amakuru y'ibarurishamibare:** ibyavuye mu mabarura byose, mu ibarura rusange cyangwa se mu bundi bushakashatsi bikubiye mu mibare, yaba yarasesenguwe cyangwa itarasesengurwa ;

2° **Ibarura:** igikorwa cy'uburyo bwa tekiniki gikoreshwa kugira ngo haboneke imibare y'ibipimo ku kintu bashaka kwigaho. Ikusanya ry'iyo mibare mu rwego rw'ibarura rishingira ku gace kaba katoranyijwe hakurikijwe uburyo bwihariye bwa gihanga. Uburyo bwo gutoranya ako gace bugomba gutuma imibare ikavuyemo ishobora kwitirirwa Igihugu cyose, Umujyi wa Kigali cyangwa Intara yose katoranyijwemo ;

3° **Ibarura rusange:** uburyo bwo gukusanya imibare y'imiterere y'abantu b'Igihugu cyose, Umujyi wa Kigali cyangwa Intara yose, habarurwa umuntu ku wundi ;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article one: Purpose of this Law**

This Law determines the organization of statistical activities in Rwanda.

**Article 2: Definition of terms**

For the purpose of this Law, the following terms are defined as follows:

1° **Statistical data:** data in figures that have come out of surveys, censuses or other forms of research, that are either analyzed or not;

2° **Survey:** a technical operation that is used in order to obtain data on topics of particular interest. The collection of the data in the framework of a survey bases itself on a drawn sample in accordance with particular and scientific procedures. The drawing of this sample must permit the generalization of data collected on the whole Country, City of Kigali or the Province from where it has been drawn;

3° **Census:** an operation of data collection on features of the population of the whole Country, City of Kigali or the whole Province while proceeding to the exhaustive

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi détermine l'organisation des activités statistiques au Rwanda.

**Article 2 : Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-dessous sont définis de la manière suivante :

1° **Données statistiques :** données chiffrées issues d'enquêtes, de recensements ou d'autres formes de recherche, qu'elles soient analysées ou à l'état brut ;

2° **Enquête :** opération technique qui consiste à obtenir des données sur des sujets d'intérêt particulier. La collecte de ces données dans le cadre d'une enquête se base sur un échantillon tiré en respectant des méthodes et des procédures scientifiques bien définies. Le tirage de cet échantillon doit permettre la généralisation des données ainsi collectées sur tout le Pays, sur la Ville de Kigali ou sur la Province d'où il a été tiré ;

3° **Recensement :** opération de collecte des données sur les caractéristiques de la population de tout le Pays, de la Ville de Kigali ou de toute une province en

4° **Ibarurishamibare:** ubuhanga bukoresha imibare mu kumenya gutara amakuru y'ibarurishamibare, kuyatunganya, kuyasesengura, kuyatangaza, kuyabika neza, gufata imyanzuro no gushobora gufata ibyemezo ;

5° **Ibipimo by'ibimenyetso:** ibipimo bigizwe n'imibare yasesenguwe, bigakoreshwa mu kugaragaza imiterere y'ikintu runaka cyangwa imihindagurikire yacyo ;

6° **Imibare y'ibarurishamibare:** ishusho nyakuri y'ikintu runaka yashyizwe mu mibare ;

7° **Viza :** uruhushya rwanditse rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda ku busabe bw'ukora ibarura, cyemeza ko ibarura ryubahirije ibisabwa, haba ku rwego rw'imitegurire yaryo cyangwa se urwo gutangaza ibyarivuyemo.

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko**

Mu mirimo y'ingenzi irebwa n'iri tegeko harimo cyane cyane imibare:

1° yerekeye abaturage n'imibereho yabo;

counting of all people, one by one;

4° **Statistics:** scientific methods aiming at collecting numeric data, processing, analyzing, publishing, safe storage, drawing conclusions and decision making;

5° **Indicators:** a set of measurements made of analyzed numeric data, permitting to appreciate the state of a phenomenon or of its evolution;

6° **Statistical information:** the aspect of any reality expressed in numbers;

7° **Visa:** written authorization delivered, upon request, by the National Institute of Statistics of Rwanda to any person undertaking a statistical survey, attesting that the survey respects the requirements, either at the level of its organization or at the level of publication of data that have come out of it.

**Article 3 : Scope of application**

The key domains covered by this Law include among others:

1° demographic and social data of the

procédant au dénombrement exhaustif de toutes les personnes, une à une ;

4° **Statistique :** méthodes scientifiques visant à collecter des données numériques, à les traiter, à les analyser, à les publier, à les archiver, à en tirer des conclusions et à prendre des décisions ;

5° **Indicateurs :** mesures constituées de données numériques analysées, permettant d'apprécier l'état ou l'évolution d'un phénomène ;

6° **Information statistique :** aspect d'une réalité quelconque exprimée en chiffres ;

7° **Visa :** autorisation écrite délivrée, sur demande, par l'Institut National de la Statistique du Rwanda à toute personne désireuse d'entreprendre une enquête statistique, et attestant que cette enquête respecte les normes fixées, que ce soit au niveau de son organisation ou de la publication des données qui en sont issues.

**Article 3 : Champ d'application**

Les domaines clés couverts par la présente loi portent notamment sur:

1° les données démographiques et sociales

2° yerekeye umuco;

3° yerekeye imiterere y'ubukungu, imari n'ubucuruzi;

4° yerekeye ubuhinzi, ubworozi n'ibidukikije;

5° yerekeranye n'ubutabera.

**UMUTWE WA II : AMAHAME REMEZO MU IBARURISHAMIBARE**

**Ingingo ya 4: Akamaro k'ibiva mu ibarurishamibare**

Imibare n'ibipimo biva mu ibarurishamibare ni byo bigomba gushingirwaho mu igenamigambi no mu isuzumabikorwa by'ingamba z'amajyambere mu nzego zose z'ubuzima bw'Igihugu. Amakuru y'ibarurishamibare afasha kandi guteza imbere ubushakashatsi bushingiye ku kuri kugaragazwa n'imibare n'ibipimo bifatika.

**Ingingo ya 5: Agaciro k'ibiva mu ibarurishamibare**

Agaciro k'imibare y'ibarurishamibare kagomba kugaragazwa n'ibi bikurikira :

1° kuba rikenewe koko;

2° kuba rishobora kugereranywa n'andi

population;

2° cultural data;

3° economic, financial and commercial data;

4° data concerning agriculture, livestock and environment;

5° judicial data.

**CHAPTER II: STATISTICAL FUNDAMENTAL PRINCIPLES**

**Article 4: Statistical data interest**

Data and indicators established from statistics must be used as a basis for general planning and evaluation of the development strategies in all sectors of the national life. Statistical data also provide a basis for the development of research based on objective data and indicators.

**Article 5: Quality of statistical data**

The quality of statistical information is characterised by:

1° relevance;

2° comparability;

des populations ;

2° les données culturelles ;

3° les données économiques, financières et commerciales ;

4° les données agro-pastorales et d'environnement ;

5° les données judiciaires.

**CHAPITRE II: PRINCIPES STATISTIQUES FONDAMENTAUX**

**Article 4 : Intérêt des données statistiques**

Les données et les indicateurs issus des statistiques doivent servir de base à la planification générale et à l'évaluation des stratégies de développement dans tous les secteurs de la vie nationale. Les données statistiques permettent en outre de développer une recherche qui s'appuie sur des données et des indicateurs objectifs.

**Article 5: Qualité des données statistiques**

Les exigences de qualité des informations statistiques portent sur:

1° la pertinence ;

2° la comparabilité ;

yakozwe;

3° kuba rishingiye ku bintu bifatika;

4° kuba rishobora kwizerwa;

5° kuba rikorewe ku gihe;

6° kuba rikorewe igihe ryagenewe;

7° kuba rishobora gukorwa vuba;

8° kuba imibare irivuyemo ishobora kugerwaho n'abayikeneye;

9° kuba rigaragaza ibyangombwa byose bituma abakoresha imibare yarivuyemo bashobora kwizera agaciro kayo.

**Ingingo ya 6: Ibiranga ibiva mu ibarurishamibare**

Imibare yo mu ibarurishamibare igomba kugaragazwa no kutabogama no gukoranwa ubuhanga bw'urwego rwayikoze.

**Ingingo ya 7: Itangazwa ry'ibyavuye mu ibarurishamibare**

Ibyavuye mu ibarurishamibare bigomba gutangazwa no gushyikirizwa ababikeneye bose ku buryo bworoshye. Bigomba kuba bitavuguruzanya cyangwa ngo bibogame.

3° accuracy;

4° reliability;

5° punctuality;

6° frequency;

7° promptness;

8° accessibility;

9° indication of all the necessary requirements that enable the users of the data to trust its value.

**Article 6: Characteristics of statistical data**

Statistical data must be characterised by the objectivity and professionalism of the institution that produced it.

**Article 7: Publication of statistical data**

Statistical data should be published and made available to all users in the simplest manner. They must not be in contradiction with each other or partial.

3º la précision ;

4º la fiabilité ;

5º la ponctualité ;

6º la périodicité ;

7º la célérité ;

8º l'accessibilité ;

9º la mise à la disposition de l'utilisateur de tous les renseignements lui permettant de se fier en la qualité des données.

**Article 6 : Caractéristiques des données statistiques**

Les données statistiques doivent refléter l'objectivité et le professionnalisme de l'organe qui les a produites.

**Article 7 : Publication des données statistiques**

Les données statistiques doivent être publiées et rendues facilement accessibles à tous les intéressés. Elles ne doivent souffrir ni de contradiction ni d'incohérence.

**UMUTWE WA III:UBUHUZABIKORWA N'IMITERERE Y'URUSOBE RW'IBARURISHAMIBARE RW'IGIHUGU**

**Ingingo ya 8: Ubuhuzabikorwa bw'urusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu**

Ubuhuzabikorwa bw'urusobe rw'ibarurishamibare bushinzwe Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda.

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda ni cyo cyonyine gifite ububasha bwo guha ku mugaragaro imibare n'ibipimo byemewe ababikoresha bose, ari ibyatangajwe na cyo cyangwa se ibifite viza no kwemeza uburyo buboneye bwo gutegura, gutara, gutunganya, gusesengura, kubika, gutangaza no gusakaza imibare y'ibarurishamibare hagamijwe ibarurishamibare gusa, no kwemeza igihe ntarengwa n'uburyo itangazwa ry'ibarurishamibare bikorwamo.

Imibare n'ibipimo bitaratangazwa ku mugaragaro ntibishobora guhabwa uwo ari we wese bidafite viza y'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda.

Icyakora, icyo Kigo gishobora guha bumwe muri ubwo bubasha zimwe mu nzego z'urusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu.

**CHAPTER III : COORDINATION AND STRUCTURE OF THE NATIONAL STATISTICAL SYSTEM**

**Article 8: Coordination of national statistical system**

The National Institute of Statistics of Rwanda shall be responsible for the coordination of the national statistical system.

The National Institute of Statistics of Rwanda shall be the only competent institution empowered to officially provide all users with statistical data and information, whether those it published or those which have its visa, to approve the appropriate methods for the conception, collection, processing, analysis, storage, publication and dissemination of statistical information for only statistical purposes and to confirm the timing and the format of publication of such statistics
.

Data and information that are not yet officially published shall not be given to anybody without the visa of the National Institute of Statistics of Rwanda.

However, the Institute may delegate part of its prerogatives on this matter to some services belonging to the national statistical system.

**CHAPITRE III : COORDINATION ET STRUCTURE DU SYSTEME STATISTIQUE NATIONAL**

**Article 8: Coordination du système statistique national**

L'Institut National de la Statistique du Rwanda est responsable de la coordination du système statistique national.

L'Institut National de la Statistique du Rwanda est l'unique institution habilitée à fournir officiellement à tous les utilisateurs les données et informations statistiques, qu'elles soient l'objet de ses propres publications ou des publications ayant reçu son visa et décider sur les méthodes appropriées pour la préparation, la collecte, le traitement, l'analyse, l'archivage, la publication et la diffusion des informations statistiques à des fins uniquement statistiques ainsi que sur les délais et les formes de publication de ces statistiques.

Les données et informations qui ne sont pas encore publiées officiellement, ne peuvent être fournies à qui que ce soit sans le visa préalable de l'Institut National de la Statistique du Rwanda.

Toutefois, l'Institut peut déléguer une partie de ces prérogatives à certains services du système statistique national.

**Ingingo ya 9: Ibyiciro by'urusobe rw'ibarurishamibare rw'igihugu**

Urusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu rugizwe n'ibyiciro bitanu (5) bikurikira :

1° Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda;

2° inzego zinyuranye z'ubutegetsi bwa Leta zikomokamo imibare y'ibarurishamibare. Iryo barurishamibare ni ryo ryitwa ibarurishamibare rya Leta;

3° inzego zikoresha imibare y'ibarurishamibare;

4° inzego zitanga imibare y'ibarurishamibare zirimo ibigo bya Leta n'iby'abikorera, imiryango itari iya Leta, ingo n'abaturage;

5° ibigo by'ubushakashatsi n'amahugurwa, birimo n'amashuri makuru.

**Ingingo ya 10: Uburyo imirimo y'ibarurishamibare ishobora gukorwa n'izindi nzego**

Inzego z'ibarurishamibare z'ubutegetsi bwa Leta n'iz'ibigo byayo zishobora, buri rwego mu birureba gukora imirimo y'ibarurishamibare,

**Article 9: Components of national statistical system**

The national statistical system is made up of five (5) main components:

1° the National Institute of Statistics of Rwanda;

2° various State institutions that provide statistical information. Such statistical data constitute the official statistics;

3° organas which use statistical information;

4° organs that provide statistical information, including public and private institutions, non-governmental organisations, households and the population;

5° institutions of research and training including institutions of higher learning.

**Article 10: Modalities of conducting statistical activities by other institutions**

The statistical services of the public administration and those of public institutions may, in their individual capacities, conduct statistical activities,

**Article 9: Eléments du système statistique national**

Le système statistique national comprend cinq (5) éléments suivants :

1° l'Institut National de la Statistique du Rwanda ;

2° différents organes de l'Etat, d'où proviennent les informations statistiques. L'ensemble des données provenant de ces organes constituent les statistiques officielles ;

3° les organes qui utilisent les informations statistiques ;

4° les fournisseurs d'informations statistiques, comprenant les établissements publics et privés, les organisations non gouvernementales, les ménages et la population ;

5° les institutions de recherche et de formation, y compris les institutions d'enseignement supérieur.

**Article 10: Modalités de conduite des activités statistiques par d'autres institutions**

Les services statistiques de l'administration publique et des établissements publics peuvent, chacun en ce qui le concerne, procéder à des

kuyitunganya no kuyisesengura hakurikijwe ibyo zikeneye, uretse amabarura areba igihugu cyose, Umujyi wa Kigali cyangwa intara yose. Ibyo bigomba gukorwa hakurikijwe amategeko n'imbonezanzira izo nzego zemeranyijweho n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda.

Izi nzego zifite inshingano yo guha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda amakuru yose y'ibarurishamibare zifite.

Mbere y'uko raporo z'umwaka w'ibarurishamibare z'izo nzego zitangazwa, zigomba kuba zifite viza w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Kwemererwa gukora imirimo y'ibarurishamibare**

Umuntu wese ushaka gukora amabarura y'ibarurishamibare areba Igihugu cyose cyangwa areba nibura Intara yose cyangwa Umujyi wa Kigali arenze imirimo asanzwe yemerewe gukora, agomba kubanza kwemererwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda, haba ku byerekeye kuba ari ngombwa ko haba bene ayo mabarura no ku mbonezanzira ziteganyijwe gukoreshwa. Urutonde rw'ibibazwa ruzakoreshwa muri ayo mabarura rugomba kugaragaza viza y'icyo Kigo.

process, and analyse them in accordance with their needs, with exception of surveys at the level of the whole country, City of Kigali or the whole province. This shall be done in conformity with the norms and methodologies agreed upon between such services and the National Institute of Statistics of Rwanda.

These services shall have the responsibility to provide the National Institute of Statistics of Rwanda with all statistical data that they possess.

Before the annual statistical reports of such services are published, they shall possess the visa of the National Institute of Statistics of Rwanda

**<u>Article 11</u>: Approval for conducting statistical activities**

Any person who wishes to conduct statistical surveys on a national scale or covering at least the whole Province or City of Kigali and which fall beyond the usual activities of which they are permitted to conduct, they shall obtain the prior approval of the National Institute of Statistics of Rwanda, whether on the necessity of such surveys and methodologies that shall be used. The questionnaires that will be used in such surveys shall bear the official visa of the Institute.

activités statistiques, les traiter et les analyser pour leurs besoins propres, mis à part les enquêtes d'envergure nationale, de la Ville de Kigali ou couvrant toute une province. Ces activités sont faites suivant les normes et les méthodologies convenues entre ces services et l'Institut National de la Statistique du Rwanda.

Ces services sont tenus de fournir à l'Institut National de la Statistique du Rwanda toute donnée statistique qu'ils détiennent.

Avant leur publication, les rapports annuels statistiques de ces services doivent avoir le visa de l'Institut National de la Statistique du Rwanda.

**<u>Article 11</u>: Approbation de la conduite des activités statistiques**

Toute personne qui souhaite réaliser des enquêtes statistiques d'envergure nationale ou couvrant au moins toute une province ou la Ville de Kigali, sortant des limites de ses activités habituelles, doit obtenir au préalable l'approbation de l'Institut National de la Statistique du Rwanda sur l'opportunité de mener de telles enquêtes et sur la méthodologie à utiliser. Les questionnaires d'enquête doivent porter le visa accordé par l'Institut.

**UMUTWE WA IV: GAHUNDA Y'IBARURISHAMIBARE Y'IGIHUGU**

**Ingingo ya 12: Ibarura Rusange ry'Igihugu**

Ibarura rusange ry'Igihugu rikorwa nibura rimwe mu myaka icumi (10).

Ibyiciro byose bigize urusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu bigomba gufasha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda mu bikorwa by'ibarurishamibare mu buryo bwose bugenwa n'amategeko abigenga.

**Ingingo ya 13: Andi mabarura**

Amabarura areba Igihugu cyose, Umujyi wa Kigali cyangwa Intara yose akorwa n'umuntu wese atigeze ateganywa muri gahunda y'Igihugu y'Ibarurishamibare, agomba kubanza kwemererwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda ku birebana no kuba ari ngombwa ko akorwa no ku birebana n'imbonezanzira zigomba gukurikizwa.

Ayo mabarura agomba gusabirwa uruhushya hasigaye nibura amezi abiri (2) ngo akorwe. Iyo birenze ukwezi kumwe batarasubizwa kuva basabye, bifatwa nk'aho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda cyabemereye, bityo bagatangira amabarura yabo. Iyo icyo Kigo kibemereye, urutonde rw'ibibazwa rugomba kuba ruriho viza yacyo.

**CHAPTER IV: NATIONAL STATISTICAL PROGRAM**

**Article 12: National General Census**

The National General Census shall be organised at least once in every ten (10) years.

All components of the National Statistical System are required to provide assistance to the activities of the National Institute of Statistics of Rwanda in any manner determined by relevant laws.

**Article 13: Other types of surveys**

Nationwide surveys, or surveys covering City of Kigali or a whole Province conducted by any person that were not provided for in the national statistical program, shall require prior approval of the National Institute of Statistics of Rwanda with respect to the necessity of their conduct and to the methodologies that should be used.

The surveys are subject to an authorisation request at least two (2) months before they are conducted. If it goes beyond one month without response from the time of the request, it is presumed as if the National Institute of Statistics of Rwanda has accepted and they shall begin to conduct the survey. If the Institute has accepted, the questionnaires shall bear the visa of the Institute.

**CHAPITRE IV : PROGRAMME NATIONAL DE STATISTIQUE**

**Article 12: Recensement Général National**

Le Recensement Général National est organisé une fois au moins tous les dix (10) ans.

Tous les éléments du système statistique national sont tenus de soutenir les activités de l'Institut National de la Statistique du Rwanda par tous les moyens déterminés par la législation y relative.

**Article 13 : Autres types d'enquêtes**

Les enquêtes d'envergure nationale ou couvrant la Ville de Kigali ou toute une province organisées par toute personne non prévues dans le programme statistique national doivent requérir l'approbation de l'Institut National de la Statistique du Rwanda quant à leur opportunité et la méthodologie à utiliser.

Une demande d'autorisation doit être formulée par les intéressés au moins deux (2) mois avant l'exécution de l'enquête. Si au- delà d'un mois après dépôt de la demande, il n'y a aucune suite à la requête, l'accord de l'Institut National de la Statistique du Rwanda est considéré comme acquis et les intéressés commencent l'exécution de l'enquête. Dans le cas d'un accord reçu de l'Institut, les questionnaires d'enquête devront porter le visa accordé par l'Institut.

**UMUTWE WA V: INSHINGANO YA BURI WESE YO GUSUBIZA IBIBAZO BY'AMABARURA Y'IBARURISHAMIBARE**

**Ingingo ya 14: Isubiza ry'ibibazo by'ibarura**

Umuntu wese cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi ubisabwe n'uwabiherewe uburenganzira, agomba gusubiza mu buryo nyabwo no mu gihe cyagenwe, ibibazo by'amabarura rusange n'andi mabarura byabanje kwemezwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda.

**Ingingo ya 15: Kutitwaza ihame ry'ibanga ry'akazi**

Ubazwa mu rwego rw'amabarura y'ibarurishamibare yemewe ntashobora na rimwe kwitwaza ihame ry'ibanga ry'akazi ngo yange gutanga ibisubizo ku bibazo abazwa.

**Ingingo ya 16: Gutanga imibare y'ibanze ngenderwaho n'amakuru**

Inzego zigize urusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu zigomba guha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda imibare y'ibanze ngenderwaho yose zifite iyo kiyizisabye, hamwe n'amakuru yerekeye abantu ku giti cyabo afitwe na bene izo nzego agomba kuba ashobora kugerwaho n'icyo Kigo.

**CHAPTER V: OBLIGATION TO RESPOND TO QUESTIONS DURING CENSUSES AND STATISTICAL SURVEYS**

**Article 14: Response to survey and census questions**

Upon the request of a commissioned officer, any person or legal entity is required to respond accurately and within the specified time limits, to questions asked during national censuses and other statistical surveys subject to prior approval by the National Institute of Statistics of Rwanda.

**Article 15: No allegation of the principle of professional secrecy**

A person being questioned during approved surveys shall not whatsoever invoke the principle of professional secrecy so as to refuse to give responses to questions asked.

**Article 16: Providing basic database and information**

All institutions belonging to the national statistical system are required to provide all the basic database in their keeping to the National Institute of Statistics of Rwanda if it requests so and the information related to individuals held by such institutions which shall be accessible by the Institute.

**CHAPITRE V : OBLIGATION DE REPONDRE AUX QUESTIONS LORS DES RECENSEMENTS ET ENQUETES STATISTIQUES**

**Article 14: Réponse aux questions d'enquête et de recensement**

A la demande d'un agent autorisé, toute personne physique ou morale est tenue de répondre, avec exactitude et dans les délais fixés, aux questions des recensements et enquêtes statistiques préalablement approuvées par l'Institut National de la Statistique du Rwanda.

**Article 15: Non allégation du principe du secret professionnel**

L'enquêté dans le cadre d'enquêtes statistiques approuvées, ne peut opposer le principe du secret professionnel pour ne pas répondre aux questions posées.

**Article 16: Transmission de base de données et informations**

Les institutions du système statistique national sont tenues de transférer les bases de données à l'Institut National de la Statistique du Rwanda à la demande de celui-ci, ainsi que les informations à caractère individuel détenues par ces institutions qui doivent être tenues à la disposition de l'Institut.

Izo nzego zigomba buri gihe gushyikiriza Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda, nk'Ikigo gishinzwe kwegeranya amakuru yose y'ibarurishamibare ry'Igihugu, za raporo z'isesengurwa ry'amabarura zakoze n'izindi raporo z'ibarurishamibare zigenda zikorwa buri gihe.

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda gikoresha ibyo cyahawe mu ibanga nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

**UMUTWE WA VI: IBANGA RY'IBARURISHAMIBARE**

**Ingingo ya 17: Itangazwa ry'amakuru ribujijwe**

Birabujijwe kuri buri mukozi wese wo mu rwego rw'ibarurishamibare gukwirakwiza amakuru yerekeye ikigo n'umuntu ku giti cye yamenye akora cyangwa se bishingiye ku mirimo ye.

Amakuru yakusanyijwe n'inzego zigize urusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu mu rwego rw'amabarura cyangwa se ubundi buryo bwo kuyatara arengerwa n'ibanga ry'ibarurishamibare. Ibanga ry'ibarurishamibare risobanuye ko gusakaza ayo makuru ndetse n'imibare y'ibarurishamibare yayaturutseho bikorwa mu buryo abayatanze batamenyekana, haba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye.

These institutions shall at all times submit to the National Institute of Statistics of Rwanda as an institute responsible for collecting all the national statistical information, analysis reports of surveys conducted, as well as other statistical reports which are produced periodically.

The National Institute of Statistics of Rwanda shall confidentially utilize the information given to it as provided for by this Law.

**CHAPTER VI: STATISTICAL CONFIDENTIALITY**

**Article 17:Prohibited dissemination of information**

It is prohibited to every employee of a statistics service to disseminate information related to an enterprise or an establishment and an individual he or she may know in the course of performance of his or her duties or in relation to his or her responsibilities.

Data collected by the institutions of the national statistical system through surveys or any other method of collection are protected by statistical confidentiality. Statistical confidentiality implies that the dissemination of such data as well as statistical information which can be calculated from them, shall be conducted in a way that those who provided it are not identified whether directly or indirectly.

Ces institutions sont tenues de transmettre régulièrement à l'Institut National de la Statistique du Rwanda, en tant qu'organe chargé de centraliser toute l'information statistique nationale, les rapports d'analyse des enquêtes qu'elles ont réalisées ainsi que les rapports statistiques élaborés périodiquement.

L'Institut National de la Statistique du Rwanda utilise confidentiellement les informations lui transmises dans le respect des dispositions de la présente loi.

**CHAPITRE VI : SECRET STATISTIQUE**

**Article 17 : Divulgation non permise d'informations**

Interdiction est faite à tout agent d'un service statistique de divulguer les informations d'une entreprise ou d'un établissement et les informations à caractère individuel, reçues pendant l'exercice ou à l'occasion de ses fonctions.

Les données recueillies par les institutions relevant du système statistique national, dans le cadre d'enquêtes ou de tout autre type de collecte, sont couvertes par le secret statistique. Le secret statistique signifie que la diffusion de ces données et des informations statistiques provenant de ces services ne doit pas permettre l'identification directe ou indirecte des personnes qui ont fourni ces données.

Ibanga ry'ibarurishamibare ntirireba amakuru yatangajwe ku kigo cy'imirimo cyangwa yashyizwe ahagaragara kuri rubanda rwose, cyangwa se amakuru ikigo cy'imirimo cyiyemereye ko atangazwa biciye mu nyandiko.

Amakuru y'ibarurishamibare ku bigo bikora mu bwiharire ashobora gutangazwa, keretse arebana n'ikiguzi cy'umusaruro n'ay'urwunguko.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Ikora n'itangazwa by'urutonde rw'ibigo by'imirimo**

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu ngingo ya 17 y'iri tegeko, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda gifite ububasha bwo gukora no gutangaza buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa urutonde rw'ibigo by'imirimo, rwerekana ibi bikurikira: izina, aho ikigo kibarizwa, ubwoko bw'imirimo igikorerwamo, umubare w'abakozi n'imiterere yacyo mu mategeko.

**<u>Ingingo ya 19</u>:Uburyo bwo kugera ku mibare y'ibanze ngenderwaho itagomba gutangazwa**

Imibare y'ibanze ngenderwaho itagaragaza inkomoko y'amakuru yerekeye abantu ku giti cyabo n'indi miryango ishobora kugerwaho n'abashakashatsi, ariko na bo bakiyemeza :

1° babanje kubikorera inyandiko, kutagira uwo baha ibikubiye muri iyo mibare bitabanje kwemerwa n'Ikigo cy'Igihugu

Statistical confidentiality does not apply to information about an institution that has already been published to the public or to information of the enterprise or establishment which it accepts, in writing, to be published.

Statistical data in monopoly may be published except those concerning the cost of production or profits.

**<u>Article 18</u>: Making and publication of list of enterprises or establishments**

Without prejudice to the provisions of Article 17 of this Law, the National Institute of Statistics of Rwanda has powers to make and publish each year or when necessary, a list of enterprises or establishments which indicates the following: name, address, type of activity, number of employees and legal status.

**<u>Article 19</u>: Accessibility to anonymous basic database not to be published**

The anonymous basic databases on individuals and other institutions shall be accessible to researchers who, however, shall be committed to :

1° make a written note, that they shall not communicate to any person the contents of such databases without the written

Le secret statistique ne porte pas sur les informations d'une institution déjà publiées ou disponibles sur une base de données accessibles au grand public ou encore pour lesquelles l'institution a donné son consentement écrit pour leur publication.

Dans la situation de monopole, les statistiques du secteur d'activité concerné restent publiables, sauf celles concernant les coûts de production et le bénéfice.

**<u>Article 18:</u> Constitution et publication du répertoire des entreprises ou établissements**

Sans préjudice des dispositions de l'article 17 de la présente loi, l'Institut National de la Statistique du Rwanda a le pouvoir de constituer et mettre à la disposition du public chaque année et chaque fois que de besoin, un répertoire des institutions reprenant les informations suivantes: nom, adresse, type d'activité, nombre d'employés et le statut juridique.

**<u>Article 19</u>: Accès aux bases de données anonymes à ne pas publier**

Les bases de données anonymes portant sur les individus et autres institutions sont accessibles aux chercheurs qui, en contrepartie, s'engagent :

1° à ne pas communiquer par écrit à de tierces personnes le contenu de ces bases de données sans autorisation écrite de

Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda mu nyandiko;

2° guha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda ibyo bagezeho mu bushakashatsi bwabo.

**Ingingo ya 20: Ikoreshwa ry'amakuru ribujijwe**

Amakuru yerekeye urwego, ikigo n'umuntu ku giti cye ntashobora gukoreshwa mu igenzura ry'imisoro, mu guhana ibyaha bibangamira ubukungu cyangwa se ngo inzego z'ubutabera ziyitabaze mu gukora iperereza.

**Ingingo ya 21: Ibanga ry'amakuru yaturutse mu nzego z'ubutegetsi**

Ingingo zerekeye ibanga ry'ibarurishamibare zireba kandi amakuru yaturutse mu nzego z'ubutegetsi.

**Ingingo ya 22: Irahira ry'abakozi**

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abakozi bo mu rusobe rw'ibarurishamibare rw'Igihugu babanza kurahirira imbere ya Minisitiri ufite ibarurishamibare rusange mu nshingano ze cyangwa se umuhagarariye, ko batazigera bamena ibanga ry'ibarurishamibare nk'uko risobanurwa n'iri tegeko, ryerekeye abantu ku giti cyabo, bazaba bamenye bakora cyangwa se bishingiye ku mirimo yabo.

authorization of the National Institute of Statistics of Rwanda;

2° give to the National Institute of Statistics of Rwanda, the findings of their research.

**Article 20: Prohibited use of data**

Data related to an organ, institution and individual shall not whatsoever be used for tax control purposes, for economic repression or for legal investigations by judicial organs.

**Article 21: Confidentiality of data obtained from administrative services**

Legal provisions concerning statistical confidentiality shall equally apply to data obtained from administrative sources.

**Article 22:Taking oath of staff members**

Before taking office, members of staff of the institutions of the national statistical system shall take oath before the Minister in charge of general statistics or his/her representative, that they shall never reveal the statistical confidentiality related to individuals as defined in this Law, learned in the course of performance of their duties or in relation to their responsibilities.

l'Institut National de la Statistique du Rwanda;

2° à remettre à l'Institut National de la Statistique du Rwanda les résultats de leurs recherches.

**Article 20: Utilisation non permise des données**

Les données relatives à un organe, une institution ou un individu ne doivent en aucun cas être utilisées à des fins de contrôle fiscal, de répression économique ou d'enquêtes judiciaires.

**Article 21: Confidentialité des données obtenues des services administratifs**

Les dispositions relatives au secret statistique s'appliquent également aux données obtenues des services administratifs.

**Article 22: Prestation de serment des agents**

Avant d'entrer en fonction, les agents des structures du système statistique national prêtent serment, devant le Ministre ayant la statistique générale dans ses attributions ou son délégué, de ne jamais divulguer le secret statistique relatif aux individus tel que défini par la présente loi, dont ils auront pris connaissance pendant l'exercice ou à l'occasion de leurs fonctions.

**UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 23: Ibikorwa byakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Ibikorwa byose byakozwe hakurikijwe Itegeko Ngenga n° 01/2005 ryo ku wa 14/02/2005 rigena imitunganyirize y'imirimo y'ibarurishamibare mu Rwanda mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda bigumana agaciro kabyo.

**Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 16/06/2013

**CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 23: Activities performed prior to the commencement of this Law**

All activities legally performed pursuant to Organic Law n° 01/2005 of 14/02/2005 on the organisation of statistical activities in Rwanda before the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall remain valid.

**Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 25: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 26: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/06/2016

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 23: Actes antérieurs à l'entrée en vigueur de la présente loi**

Tous les actes légalement accomplis en vertu de la Loi Organique n° 01/2005 du 14/02/2005 portant organisation des activités statistiques au Rwanda avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda restent valides.

**Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, elle a été examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 25 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 26: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/06/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiriw'Ubutabera/Intumwa nkuru ya Leta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic**:

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/ Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO NGENGA N° 06/2013/OL RYO KUWA 16/06/2013 RIKURAHO ITEGEKO NGENGA Nº 53/2008 RYO KUWA 02/09/2008 RISHYIRAHO URWEGO RUSHINZWE ITERAMBERE MU RWANDA (RDB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYARWO NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'itegeko ngenga**

